UBUGENI MU RWANDA

0. INTANGIRIRO.

Ubugeni ni ubuhanga bwo guhanga ibishushanyo bibaje mu biti cyangwa mu mabuye (Sculpture), gushushanya ku bibaho: tableaux (painting), guhanga amashusho mu ibumba (ceramics), kwandika ku myenda n'ibitambaro (serigraphy). Ibihangano by'ubugeni byibutsa amateka anyuranye y'igihugu runaka abumbatiye imigenzo gakondo, byerekana kandi n'iterambere ry'ubumenyi bwa gakondo.

1. AMATEKA Y'UBUGENI MU RWANDA

Mu Rwanda abahanga mu bugeni bahozeho na mbere y'umwaduko w'abazungu. Ibyo bigaragarira ku mabara yashyirwaga ku bikoresho bitandukanye: ku ngabo, ku myambi, ku bibindi, ku bicuma, n'ibindi. Bivugwa ko umwami Ruganzu II Ndori na we yari umunyabugeni. Ibi babishingira kuri bimwe mu bimenyetso ndangamateka byagiye bimwitirirwa nko "*Ku Kirenge cya Ruganzu*" mu Karere ka Rulindo, "*Ku Majanja y'imbwa za Ruganzu*" hafi y'isoko ya Mpenge mu Karere ka Musanze, "*Ikibuguzo cya Ruganzu Ndori*" gihereereye ku musozi uriho itongo rya Nyagakecuru mu Bisi bya Huye, mu Ntara y'Amajyepfo n'ibindi. Bivugwa kandi ko Ruganzu yigiye ubugeni i Karagwe muri Tanzaniya aho yari yarabundiye.

2. UBUGENI MURI IKI GIHE MU RWANDA

Uko iminsi igenda ishira, ubugeni mu Rwanda bugenda burushaho gutera imbere. Hari inzego za Leta ndetse n'iz'ab'ikorera zibufite mu nshingano.

Hashyizweho Minisiteri ya Siporo n'Umuco (MINISPOC) ishinzwe guteza imbere abahanzi ibinyujije mu kigo kiyishamikiyeho kitwa Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC).

Mu Rwanda kandi hubatswe "***Ingoro y'Igihugu y'Ubugeni n'Ubuhanzi".*** Iherereye mu Karere ka Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo. Mu nshingano zayo harimo guteza imbere ubugeni n'ubuhanzi no gusigasira ibihangano nyarwanda.

Ubu mu Rwanda hari Ishuri ry'Ubugeni n'Ubuhanzi riherereye ku Nyundo mu Karere ka Rubavu ho mu Ntara y'Iburengerazuba (**Ecole d'Arts de Nyundo**).

3. INZEGO Z'ABANYABUGENI MU RWANDA

Mu rwego rwo gufasha abanyabugeni kurushaho kunoza imikorere yabo, Leta y'u Rwanda yabafashije gushyiraho Urugaga rubahuza (Plastic Arts Federation) rugizwe n'abashushanya, ababaza amashusho mu biti no mu mabuye, ababumba, abashushanya bakoresheje irangi, ababoha n'abacuruza ibihangano by'ubugeni.

IMITERERE Y'URUGAGA RW'ABANYABUGENI: